

Urutonde rw'ibijyanye no kwemererwa mu nyandiko z'amakuru y'ukuri yerekeye Urukingo rwa COVID-19

Ohio irateganya guha buri wese urukingo rwa COVID-19 wahisemo kurufata. Kubera ko inkingo ziboneka zabaye nke, inkingo za mbere zagenewe ibyiciro by'abantu bamwe na bamwe bafite ibyago byinshi, hashingiwe ku myaka, akazi bakora, imiterere y'imibereho yabo, cyangwa ibijyanye n'indwara bigeze kurwara. Reba hano hasi kugira ngo umenye niba wemerewe guhabwa urukingo rwa COVID-19 muri Ohio kuri ubu.

Ibijyanye no kwemererwa bizagera buri muntu wese wafata urukingo ntibiteze ikibazo ku wa 29 Werurwe. Kugira ngo usabeho guhunda igihe wemerewe, sura Uburyo bwa Ohio [bufasha mu gukurikirana itangwa ry'inkingo \(Vaccine Management Solution \(VMS\)\)](#).

KWEMERERWA HASHINGIWE KU MYAKA

- Abantu bafite imyaka **50 cyangwa bayirengeje**.
- Abantu bafite imyaka **40 cyangwa bayirengeje**, guhera ku wa 19 Werurwe.

KWEMERERWA HASHINGIWE KU HANTU UMUNTU ATUYE

- Ababa mu bigo byita ku bageze mu za bukuru cyangwa abafite ubumuga.
- Ababa mu bigo byita ku bakeneye ubufasha bwo kwitabwaho byihariye.
- Abarwayi bo mu bitaro bya leta bivura indwara zo mu mutwe.
- Abantu bafite ubumuga bushingiye ku mikurire y'ubwonko baba mumu ngo basangiye ari benshi, inyubako yo guturamo, cyangwa ibigo.
- Abantu barwaye indwara zo mu mutwe, zirimo indwara zikomoka ku ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, baba mu rugo basangiye ari benshi, inyubako yo guturamo, cyangwa ibigo.
- Ababa mu mazu ya leta yagenewe abavuye ku rugerero bo muri Ohio.

KWEMERERWA HASHINGIWE KU MPAMVU Z'UBUZIMA

- Abantu batwite.
- Abantu barwaye diyabete yo mu bwoko bwa 1.
- Abantu barwaye diyabete yo mu bwoko bwa 2.
- Abantu barwaye indwara y'ubwonko ituma imikaya y'umubiri idakora neza(ALS)/indwara ya Lou Gehrig.
- Abantu barwaye indwara y'impayiko ituma zidakora.
- Abantu basimburiye umusokoro w'amagufa, bikunze kwitwa gusimbuzwa uturemangingo tw'umubiri, kandi bakaba bari guhabwa ubuvuzi bw'ibanze bwa kanseri cyangwa ubundi bw'indwara yo kubura amaraso.
- Abantu barwaye kanseri, guhera tariki ya 19 Werurwe.
- Abantu barwaye indwara y'impayiko idakira (CKD), guhera ku wa 19 Werurwe.
- Abantu barwaye indwara y'ibihaha ya karande ituma udahumeka (COPD), guhera ku wa 19 Werurwe.
- Abantu barwaye indwara y'umutima, guhera ku wa 19 Werurwe.
- Abantu bafite umubyibuho ukabije, guhera ku wa 19 Werurwe.
- Abantu bafite indwara bavukanye cyangwa bagize mu bakiri abana bato. Ibituma wemererwa bitavuzwe ku rutonde biri muri iki kiciro:
 - Indwara y'amaraso yibasira insoro zitukura.
 - Indwara ikomoka mu muryango itera ingwira ry'imikurire y'ubwonko.
 - Indwara yibasira inzungano ngogozu n'urwubuhumekero.
 - Indwara ishegesha igikanka, imikaya n'uturemangingo.

- **Indwara y'ubwonko ituma izindi ngingo zidakora.**
- **Indwara yibasira uruti rw'umugongo.**
- Ikibazo **cyo kudakora neza k'umutimagisaba** guhora uhabwa ubuvuzi bwihariye.
- **Indwara itera kudakora neza k'umwijima (PKU), Indwara ituma haza ibinure mu gice cy'ubwonko, n'izindi ndwara zidakunze kubaho, z'uruhererekane rw'imiryango zibasira imikurire y'umubiri.**
- **Igicuri** kirimo gukunda gufatwa cyane; **indwara yo kugira umutwe munini; Indwara yo kugira agatwe gato,** n'izindi **ndwara zibasira ibice by'ubwonko.**
- **Indwara yibasira uturemangingo tw'intanga, akaremangingo ka X koroshye, indwara yibasira abana ya Prader-Willi syndrome,** n'izindi **indwara z'utaremangingo ndangasano zikomeye.**
- **Asima y'igikatu,** yagusabye kujyanwa mu bitaro mu mwaka ushize kubera iyi ndwara.
- **Indwara y'amaraso y'utaremangingo twa Alpha na Beta.**
- **Gusimburizwa ibice by'umubiri** (Abantu bashobora kuzasimburizwa ingingo n'abazisimbujwe).

KWEMERERWA HASHINGIWE KU KAZI UKORA

- **Abaganga n'abakozi** bakora mu nzego z'ubuzima bahura bya buri muni n'abarwayi ba COVID-19.
- **Abatanga serivisi z'ubuvuzi** bwihutirwa (EMS).
- **Abakozi bo mu bigo byita ku bageze mu za bukuru cyangwa abafite** ubumuga.
- Abakozi bo mu bigo byita ku bakeneye ubufasha bwo kwitabwaho byihariye.
- Abakozi bo mu bitaro bya leta bivura indwara zo mu mutwe.
- Abakozi **bo mu ngo zisangiwe na benshi, inyubako zo guturamo, cyangwa ibigo** byita ku bantu bafite ubumuga bushingiye ku mikurire y'ubwonko.
- Abakozi bo **bo mu ngo zisangiwe na benshi, inyubako yo guturamo, cyangwa ibigo** byita kubantu bafite indwara zo mu mutwe, zirimo indwara zikomoka ku ikoresha ry'ibiyobyabwenge.
- Abakozi bo mu mazu **ya leta yagenewe abavuye ku rugerero bo muri Ohio.**
- Abakozi bo **mu kiciro cy'amashuri abanza n'ay'ayisumbye** bigisha muri gahunda y'imbone nkubone.
- Abakozi bakora muriserivisi **zo kwita ku banakandi** bagira aho bahurira bya hafi n'abana biyandikishije muri izo gahunda.
- Abantu bakora muriserivisi **z'ibijyanye no gushyingura.**
- Abantu bahora bari mu kazi **bo mu nzego zishinzwe iyubahiriza ry'amategeko**(bakora byibuze amasaha 20 mu cyumweru) kandi bafite inshingano zo gufata ibyemezo cyangwa zo kugenzura abandi. Barimo:
 - Abofisiye ba polisi.
 - Abungirije abagenzacyaha.
 - Abapolisi bashinzwe gucunga umutekano wo mu muhanda muri leta ya Ohio.
 - Abofisiye bihariye bakora mu bucamanza, nk'Ishami rishinzwe ibijyanye n'umutungo kamere muri Ohio (ODNR) abakozi bashinzwe kubahiriza amategeko, akanama gashinzwe iperereza ku bijyanye na za farumasi, abakozi b'urwego rw'iperereza ku bakekwaho ibyaha (BCI), abashinzwe iperereza ku bijyanye n'inkongi, abofisiye bashinzwe ibijyanye n'ubwikorezi n'abandi bofisiye b'igihugu bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko batemerewe inkingo zatanze mu rwego rw'igihugu.
- Abakozi bakora **mu magereza,** harimo abakozi bashinzwe kugenzura abafunguwe by'agateganyo n'abasubikiwe ibihano, bagenzura by'ako kanya abagororwa bakuru cyangwa ab'abana cyangwa abagenzurwa n'inkiko.
- Abakozi bari mu kazi b'Ishami rizwi rishinzwe **ibyo kurwanya inkongi.**

Yateguwe ku wa 16 Werurwe 2021.

Ku yandi makuru, wasura coronavirus.ohio.gov.

Ukeneye ibisubizo by'ibibazo byawe byerekeye COVID-19, wahamagara, 1-833-4-ASK-ODH (1-833-427-5634).

Ubuzima bwawe bwo mu mutwe ni ingenzi nk'ubuzima bw'umubiri busanzwe. Niba wowe cyangwa uwawe muri kugira umuhangiyiko ufatanye isano n'icyorezo cya Koranavirusi, hatangwa ubufasha amasaha 24 ku muni mu muni irindwi y'icyumweru. Hamagara umurongo utangirwaho ubufasha bwa COVID-19 kuri 1-800-720-9616.